<b><u>Ingingo ya 53:</u></b> Isuzumamikorere ry'abacungagereza	<b><u>Article 53:</u></b> Evaluation of prison guards	<b><u>Article 53:</u></b> Evaluation des surveillants de prisons
<b><u>Ingingo ya 54:</u></b> Ibyiciro by'amanota y'umucungagereza	<b><u>Article 54:</u></b> Merit categories of a prison guard	<b><u>Article 54:</u></b> Classes de mérite d'un surveillant de prison
<b><u>Ingingo ya 55:</u></b> Gushimwa k'umucungagereza	<b><u>Article 55:</u></b> Appraisal of a prison guard	<b><u>Article 55:</u></b> Appréciation du surveillant de prison
<b><u>Ingingo ya 56:</u></b> Imiterere y'impapuro z'isuzumamikorere	<b><u>Article 56:</u></b> Format of evaluation forms	<b><u>Article 56:</u></b> Format des formulaires d'évaluation

**UMUTWE WA VII: UMUSHAHARA  
N'IBINDI UMUCUNGAGEREZA  
AGENERWA**

**CHAPTER VII: REMUNERATION  
AND BENEFITS FOR A PRISON  
GUARD**

**CHAPITRE VII: TRAITEMENT ET  
AVANTAGES D'UN SURVEILLANT  
DE PRISON**

**Ingingo ya 57: Umushahara**

**Article 57: Salary**

**Article 57: Salaire**

**Ingingo ya 58: Igihembo cy'akarusho**

**Article 58: Bonus for special skills**

**Article 58: Prime de spécialité**

**Ingingo ya 59: Ibikoresho by'akazi**

**Article 59: Equipment for service**

**Article 59: Equipements de service**

**Ingingo ya 60: Ubwishingizi bw'indwara**

**Article 60: Medical insurance**

**Article 60: Assurance maladie**

**Ingingo ya 61: Uburwayi buturutse ku  
mpamvu z'akazi**

**Article 61: Sickness resulting from  
work**

**Article 61: Maladie suite à l'exercice des  
fonctions**

**Ingingo ya 62: Ishimwe ku musaruro wa  
za gereza**

**Article 62: Bonus resulting from the  
prison production**

**Article 62: Primes sur la production des  
prisons**

**Ingingo ya 63: Kwimura  
umucungagereza**

**Article 63: Transfer of a prison guard**

**Article 63: Mutation d'un surveillant de  
prison**

**Ingingo ya 64: Ibigenerwa  
umucungagereza uri mu butumwa**

**Article 64: Allowance for a prison  
guard in official mission**

**Article 64: Indemnités accordés au  
surveillant de prison en mission officielle**

**Ingingo ya 65: Izamurwa ry'imibereho  
myiza**

**Article 65: Improvement of welfare**

**Article 65: Amélioration des conditions  
de vie**

**Ingingo ya 66: Gutanga impeta  
z'ishimwe**

**Article 66: Awarding honorary medals**

**Article 66: Décerner les médailles  
honorifiques**



<b><u>UMUTWE WA VIII: IMYIFATIRE</u></b>	<b><u>CHAPTER VIII: DISCIPLINARY MEASURES</u></b>	<b><u>CHAPITRE VIII: REGIME DISCIPLINAIRE</u></b>
<b><u>Ingingo ya 67: Ikosa ry'imyitwarire</u></b>	<b><u>Article 67: Disciplinary fault</u></b>	<b><u>Article 67: Faute disciplinaire</u></b>
<b><u>Ingingo ya 68: Ikurikiranwa mu rwego rw'imyitwarire</u></b>	<b><u>Article 68: Disciplinary proceedings</u></b>	<b><u>Article 68: Procédure disciplinaire</u></b>
<b><u>Ingingo ya 69: Uburenganzira bwo kwisobanura</u></b>	<b><u>Article 69: Right of defense</u></b>	<b><u>Article 69: Droit de défense</u></b>
<b><u>Ingingo ya 70: Uburyozwe bw'ikosa n'uburyozwe bw'icyaha</u></b>	<b><u>Article 70: Disciplinary liability and criminal liability</u></b>	<b><u>Article 70: Responsabilité disciplinaire et responsabilité pénale</u></b>
<b><u>Ingingo ya 71: Ivanwaho ry'ibihano</u></b>	<b><u>Article 71: Cancellation of sanctions</u></b>	<b><u>Article 71: Annulation de sanctions</u></b>
<b><u>UMUTWE WA IX: IRANGIRA RY'UMURIMO</u></b>	<b><u>CHAPTER IX: TERMINATION OF OF SERVICE</u></b>	<b><u>CHAPITRE IX: CESSATION DE FONCTIONS</u></b>
<b><u>Ingingo ya 72: Impamvu z'irangira ry'umurimo</u></b>	<b><u>Article 72: Grounds for termination of service</u></b>	<b><u>Article 72: Motifs de cessation de fonctions</u></b>
<b><u>Ingingo ya 73: Igihe cyo kujya mu kiruhuko cy'izabukuru k'umucungagereza</u></b>	<b><u>Article 73: Period of retirement for a prison guard</u></b>	<b><u>Article 73: Période de mise à la retraite pour un surveillant de prison</u></b>
<b><u>Ingingo ya 74: Imperekeza y'izabukuru</u></b>	<b><u>Article 74: Retirement package</u></b>	<b><u>Article 74: Indemnités de départ à la retraite</u></b>
<b><u>Ingingo ya 75: Icyubahiro cy'umwofisiye komiseri uri mu kiruhuko cy'izabukuru</u></b>	<b><u>Article 75: Honour for a retired commissioner</u></b>	<b><u>Article 75: Honneur d'un officier commissaire en retraite</u></b>

<b><u>Ingingo ya 76:</u> Kwegura ku murimo</b>	<b><u>Article 76:</u> Resignation</b>	<b><u>Article 76:</u> Démission volontaire</b>
<b><u>Ingingo ya 77:</u> Gusezererwa nta mpaka</b>	<b><u>Article 77:</u> Automatic removal from office</b>	<b><u>Article 77:</u> Démission d'office</b>
<b><u>Ingingo ya 78:</u> Gusezererwa ku kazi kubera impamvu z'uburwayi cyangwa ubumuga</b>	<b><u>Article 78:</u> Discharge for sickness or invalidity</b>	<b><u>Article 78:</u> Cessation d'activités suite à une maladie ou invalidité</b>
<b><u>Ingingo ya 79:</u> Kwirukanwa burundu k'umucungagereza</b>	<b><u>Article 79:</u> Dismissal of a prison guard</b>	<b><u>Article 79:</u> Révocation d'un surveillant de prison</b>
<b><u>Ingingo ya 80:</u> Gusubizwa mu buzima busanzwe k'umucungagereza</b>	<b><u>Article 80:</u> Lay off a prison guard</b>	<b><u>Article 80:</u> Désengagement d'un surveillant de prison</b>
<b><u>Ingingo ya 81:</u> Umucungagereza upfuye</b>	<b><u>Article 81:</u> Death of a prison guard</b>	<b><u>Article 81:</u> Décès d'un surveillant de prison</b>
<b><u>Ingingo ya 82:</u> Ingaruka z'irangira ry'umurimo</b>	<b><u>Article 82:</u> Effect of termination of service</b>	<b><u>Article 82:</u> Effets de la cessation de fonctions</b>
<b><u>UMUTWE WA X:</u> INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</b>	<b><u>CHAPTER X:</u> MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</b>	<b><u>CHAPITRE X:</u> DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</b>
<b><u>Ingingo ya 83:</u> Ibiateganyijwe n'iri teka</b>	<b><u>Article 83:</u> Matters not provided for under this Order</b>	<b><u>Article 83:</u> Matières non prévues par le présent arrêté</b>
<b><u>Ingingo ya 84:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</b>	<b><u>Article 84:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</b>	<b><u>Article 84:</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</b>
<b><u>Ingingo ya 85:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</b>	<b><u>Article 85:</u> Repealing provision</b>	<b><u>Article 85:</u> Disposition abrogatoire</b>
<b><u>Ingingo ya 86:</u> Igihe iri teka ritangira gukurizwa</b>	<b><u>Article 86:</u> Commencement</b>	<b><u>Article 86:</u> Entrée en vigueur</b>

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

**ITEKA RYA PEREZIDA N°31/01 RYO KU WA 24/1/2018 RISHYIRAHO SITATI YIHARIYE IGENGA ABACUNGAGEREZA**

**PRESIDENTIAL ORDER N°31/01 OF 24/1/2018 ESTABLISHING THE SPECIAL STATUTES GOVERNING PRISON GUARDS**

**ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 31/01 DU 24/1/2018 PORTANT STATUT PARTICULIER REGISSANT LES SURVEILLANTS DE PRISONS**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**We, KAGAME Paul,**  
President of Republic;

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 120, iya 122 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 120, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 120, 122 et 176;

Dushingiye ku Itegeko n° 34/2010 ryo ku wa 12/11/2010 rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe Imfungwa n'Abagororwa rikanagena imitunganyirize n'imikorere byarwo nk'uko ryahinduwe kandi ryujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 14;

Pursuant to Law n° 34/2010 of 12/11/2010 on the establishment, functioning and organisation of Rwanda Correctional Service as modified and complemented to date, especially in Article 14;

Vu la Loi n° 34/2010 du 12/11/2010 portant création, fonctionnement et organisation du Service Correctionnel du Rwanda tel que modifiée et complétée, spécialement en son article 14;

Dusubiye ku Iteka rya Perezida n° 04/01 ryo ku wa 03/05/2012 rishyiraho sitati yihariye igenga abacungagereza;

Having reviewed Presidential Order n° 04/01 of 03/05/2012 establishing the special statutes governing prison guards;

Revu l'Arrêté Présidentiel n° 04/01 du 03/05/2012 portant statut particulier régissant les surveillants des prisons;

Bisabwe na Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta;

On proposal by the Minister of Justice/Attorney General;

Sur proposition du Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux;

Inama y'Abaminisitiri, yateranye ku wa 08/11/2017, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 08/11/2017;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 08/11/2017;

**TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE: HAVE ORDERED AND HEREBY AVONS ARRÊTÉ ET ARRETONS: ORDER:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije Article One: Purpose of this Order Article premier: Objet du présent arrêté**

Iri teka rishyiraho sitati yihariye igenga abacungagereza.

This Order establishes special statutes governing prison guards.

Le présent arrêté porte statut spécial régissant les surveillants de prisons.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Article 2: Definitions**

**Article 2: Définitions**

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

In this Order, the following terms have the following meanings:

Dans le présent arrêté, les termes suivants ont les significations suivantes:

1 ° **Minisitiri:** Minisitiri ufite amagereza mu nshingano ze;

1 ° **Minister:** the Minister in charge of prisons;

1 ° **Ministre:** le Ministre ayant les prisons dans ses attributions;

2 ° **ipeti:** ubwitorire bushyira umucungagereza mu busumbane bw'abacungagereza kandi bukamuha ububasha bwo gukora umurimo ukwiranye na ryo;

2 ° **rank:** title which categorises a prison guard in the prison hierarchy and enables him/her to exercise the corresponding prison function;

2 ° **grade:** titre qui situe un surveillant de prisons dans la hiérarchie du service des prisons et l'habilité à exercer une fonction de surveillant de prison correspondante;

3 ° **RCS:** Urwego rw'Igihugu rushinzwe Imfungwa n'Abagororwa.

3 ° **RCS:** Rwanda Correctional Service.

3 ° **RCS:** Service Correctionnel du Rwanda.

**Ingingo ya 3:**  
**by'abacungagereza**

Abacungagereza bari mu byiciro bikurikira:

- 1° abofisiye;
- 2° abasuzofisiye;
- 3° abawada.

**Ibyiciro Article 3: Categories of prison guards**

Prison guards are classified into the following categories:

- 1° officers;
- 2° non-commissioned officers;
- 3° prison warders.

**Article 3: Catégories des surveillants de prisons**

Les surveillants de prisons sont classés dans les catégories suivantes:

- 1° les officiers;
- 2° les sous-officiers;
- 3° les gardiens de prisons.

**Ingingo ya 4: Imirimo y'abacungagereza**

Abacungagereza bakora imirimo yose ya RCS uretse imirimo ikeneye ubumenyi bwihariye badafite.

Imirimo ikeneye ubumenyi bwihariye itangwa mu buryo bw'amasezerano y'umurimo na Komiseri Mukuru wa RCS nyuma yo kwemezwa n'Inama Nkuru ya RCS.

**Ingingo ya 5: Amasaha y'akazi**

Imirimo y'abacungagereza ikorwa amasaha makumyabiri n'ane (24) ku muni kandi buri muni. Ubuyobozi bwa RCS bugena uko abacungagereza basimburana ku muni kandi bukabyubahiriza.

**Article 4: Works of prison guards**

Prison guards perform all works of RCS except for works that require specialised skills which they do not possess.

Works that require specialised skills are assigned on labour contract basis by the Commissioner General of RCS after approval by High Council of RCS.

**Article 5: Working hours**

RCS services are delivered twenty four (24) hours per day and every day. The management of RCS organises and respects the daily rotation of prison guards.

**Article 4: Travaux des surveillants de prisons**

Les surveillants de prisons exécutent tous les travaux de prisons à l'exception de ceux nécessitant une expertise particulière qu'ils n'ont pas.

Les travaux nécessitant une expertise particulière sont attribués sur base du contrat de travail par le Commissaire Général de RCS et après approbation du Conseil Supérieur de RCS.

**Article 5: Heures de services**

Les services de RCS sont fournis vingt-quatre (24) heures par jour et chaque jour. La direction de RCS organise et respecte la rotation journalière des surveillants de prisons.

**UMUTWE WA II: GUTANGIRA  
UMURIMO W'UBUCUNGAGEREZA**

**CHAPTER II: ENTRY IN PRISON  
GUARD SERVICE**

**CHAPITRE II: ENTREE EN SERVICE  
DU SURVEILLANT DE PRISONS**

**Iciviro cya mbere: Gushaka  
abacungagereza**

**Section One: Recruitment of prison  
guards**

**Section première: Recrutement des  
surveillants de prisons**

**Ingingo ya 6: Gushaka abacungagereza**

**Article 6: Recruitment of prison guards**

**Article 6: Recrutement des surveillants  
de prisons**

Abacungagereza bashakwa hakurikijwe umubare wa ngombwa w'abacungagereza ukenewe ugenwa na Minisitiri abisabwe n'Inama Nkuru ya RCS.

Recruitment into RCS depends on the required number of prison guards determined by the Minister on proposal by the RCS High Council.

Le recrutement des surveillants de prisons dépend de l'effectif nécessaire des surveillants de prisons déterminé par le Ministre sur proposition du Conseil Supérieur de RCS.

Umubare wa ngombwa w'abacungagereza bakenewe ugenwa hashingiwe ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya RCS ishyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

The required number of prison guards for recruitment depends on the organisational structure of RCS established by a Prime Minister's Order.

Le nombre requis de surveillants de prisons à recruter dépend de la structure organisationnelle de RCS établie par arrêté du Premier Ministre.

**Ingingo ya 7: Uburyo bwo kwinjizwa mu murimo w'ubucungagereza**

**Article 7: Procedures for entry in prison guard service**

**Article 7: Procédures d'entrée en service des surveillants de prisons**

Kwinjizwa mu murimo w'ubucungagereza bikorwa mu buryo bubiri (2):

The entry into the prison guard service is done in two (2) ways:

L'entrée en service des surveillants de prisons se fait de deux (2) façons:

1° gushyirwa mu cyiciro cy'abofisiye nyuma yo kurangiza amasomo y'abategurirwa kuba abofisiye;

1° entry in the categories of officers upon completion of cadet training;

1° l'entrée dans la catégorie des officiers après avoir terminé la formation des candidats officiers;

2° gushyirwa mu cyiciro cy'abatari

2° entry in the categories of non-

2° l'entrée dans la catégorie des non

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

abofisiye nyuma yo gukora amahugurwa y'ibanze.

officers upon completion of the basic prison guard training.

officiers après avoir terminé la formation de base.

**Ingingo ya 8: Ibisabwa mbere yo kwinjira mu murimo w'ubucungagereza**

**Article 8: Conditions for recruitment in prison guard service**

**Article 8: Conditions de recrutement au service des surveillants de prisons**

Kugira ngo umuntu yemererwe kuba umucungagereza, agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

For a person to be recruited as a prison guard, he/she must fulfill the following:

Pour être admis comme surveillants de prisons, le candidat doit remplir les conditions suivantes:

1° kuba ari Umunyarwanda;

1° to be a Rwandan by nationality;

1° être de nationalité rwandaise;

2° kugira ubushake bwo kuba umucungagereza;

2° to be willing of being a prison guard;

2° avoir la volonté d'être surveillant de prison;

3° kuba afite ubuzima buzira umuze;

3° to be physically and mentally fit;

3° être physiquement et mentalement apte;

4° kuba afite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko kandi atarengeje imyaka makumyabiri n'itanu (25) y'amavuko;

4° to be at least of eighteen (18) years of age and not more than twenty five (25) years old;

4° être âgé de dix-huit (18) ans au moins et de vingt-cinq (25) ans au plus;

5° kuba atarigeze akatirwa burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);

5° not to have been definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months;

5° n'avoir pas été condamné définitivement à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;

6° kuba afite impamyabushobozi cyangwa impamyabumenyi y'amashuri ahwanye n'icyiciro yifuza kujyamo;

6° to hold relevant qualifications corresponding to the level of recruitment;

6° avoir un niveau d'études correspondant à la catégorie de recrutement;

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

7° kuba yaratsinze ikizamini cyo kwinjizwa mu murimo w'ubucungagereza;

7° to have successfully passed the recruitment test as a prison guard;

7° avoir réussi les tests de recrutement des surveillants de prisons;

8° kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire.

8° to have moral integrity and good conduct.

8° être intègre et de bonne conduite.

Abafite ubumenyi bwihariye n'abanyamyuga bashobora kwinjizwa mu buryo bwihariye.

Special consideration may apply for the recruitment of professionals and specialists.

Une considération particulière peut être faite pour le recrutement des professionnels et des spécialistes.

**Ingingo ya 9: Amashuri asabwa kuri buri cyiciro**

**Article 9: Qualification required at each category**

**Article 9: Qualification requise à chaque catégorie**

Amashuri asabwa uwifuza kuba umucungagereza mu byiciro bitandukanye ni aya akurikira:

Academic qualifications required to be recruited as a prison guard are the following:

Les qualifications académiques requises pour le recrutement d'un surveillant de prison sont les suivantes:

1° umwofisiye agomba kuba afite nibura impamyabumenyi y'icyiciro cya kabiri cya kaminuza cyangwa ihwanye na yo;

1° an officer must hold at least a bachelor's degree or its equivalent;

1° un officier doit être détenteur d'un diplôme de licence au moins ou son équivalent;

2° undi mucungagereza agomba kuba afite nibura amashuri atatu (3) yisumbuye cyangwa icyemezo cy'ubumenyi gihwanye na yo.

2° other prison guards must have a minimum education level of senior three (3) or its equivalent.

2° un autre surveillant de prison doit avoir au moins un niveau d'études de trois ans (3) d'études secondaires ou son équivalent.

Iteka rya Minisitiri rishobora kugena izindi mpamyabumenyi zasabwa.

An Order of the Minister may determine other education levels that may be required.

Un arrêté du Ministre peut déterminer d'autres niveaux d'études pouvant être exigés.



**Ingingo ya 10: Inyigisho z'ibanze**

Abacungagereza bakiriwe bagomba kubanza guhabwa inyigisho mu mashuri ya RCS ayifasha mu gutanga inyigisho n'imyitozo by'ibanze by'umwuga no guhugura abacungagereza bigengwa n'amabwiriza atangwa na Minisitiri abigiriwemo inama n'Inama Nkuru ya RCS.

**Ingingo ya 11: Ibigenerwa abatozwa kuba abacungagereza**

Abatozwa kuba ba ofisiye b'abacungagereza bahembwa umushahara wa "Chief Sergeant" na ho abahabwa inyigisho z'ibanze z'abacungagereza bagahembwa umushahara w'"umuwada".

Abatozwa kuba ba ofisiye b'abacungagereza bahabwa kandi ibyo kurya, imyambaro y'abacungagereza, aho kurara, ubuvuzi n'amafaranga y'ishyingura.

**Article 10: Basic training**

Recruited prison guards must undergo training in schools of RCS that help RCS in providing basic training and professional courses governed by Instructions issued by the Minister after consultation with the High Council of RCS.

**Article 11: Allowances for recruits during the training**

Officer cadets are paid a monthly salary of "a Chief Sergeant" while prison guards following the basic training are paid the monthly salary of "prison warder".

Officer cadets are also provided with food, prison guard uniform, accommodation, medical care and funeral expenses.

**Article 10: Formation de base**

Les surveillants de prisons recrutés doivent suivre une formation dans les écoles de RCS qui lui facilitent de dispenser aux surveillants de prisons une formation de base et les cours professionnels régis par des instructions émises par le Ministre sur avis du Conseil Supérieur de RCS.

**Article 11: Allocations des candidats surveillants de prisons en formation**

Les candidats officiers reçoivent un salaire mensuel de "Chief Sergeant" tandis que les surveillants de prisons en formation de base reçoivent un salaire mensuel de "gardien de prison".

Les candidats officiers bénéficient également de la nourriture, des uniformes de surveillants de prisons, des logements, des soins médicaux et des frais funéraires.

**Iciviro cya 2: Amasezerano y'igihe cy'inyigisho no kurahira**

**Ingingo ya 12: Amasezerano y'igihe cy'inyigisho**

Mbere yo gutangira inyigisho z'ibanze, uwatoranyijwe wese agirana na Leta, ihagarariwe na Minisitiri, amasezerano akubiyemo ibimugenga mu gihe cy'izo nyigisho.

**Ingingo ya 13: Indahiro y'umwuga w'ubucungagereza**

Abofisiye barangije inyigisho zabagenewe barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika cyangwa intumwa ye. Abimuriwe muri RCS bavuye mu nzego z'umutekano ntibongera kurahira indahiro ivugwa muri iyi ngingo.

Abacungagereza batari abofisiye barangije inyigisho z'ibanze barahirira imbere ya Minisitiri.

Mu kurahira hakoreshwa indahiro iteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda. Iyo ndahiro ikorwa hubahirijwe uko iyo mihango yateguwe n'ubuyobozi bubishinzwe.

**Section 2: Training contract and taking an oath**

**Article 12: Training contract**

Before starting basic training, every candidate signs a service contract with the Government represented by the Minister, which determines terms and conditions during the training period.

**Article 13: Professional oath for a prison guard**

On completion of their training, officers take an oath before the President of the Republic or his/her delegate. Those who are transferred to RCS from other security organs are not required to take an oath as provided for by this Article.

The non-officers who complete the basic training take an oath before the Minister.

The oath to be taken is provided for by the Constitution of the Republic of Rwanda. The procedure of taking an oath is provided by the competent authority.

**Section 2: Contrat de formation et prestation de serment**

**Article 12: Contrat de formation**

Avant de commencer la formation de base, chaque candidat signe un contrat de service avec l'Etat représenté par le Ministre, qui détermine les modalités et conditions pendant la période de formation.

**Article 13: Serment professionnel de surveillant de prison**

Au terme de leur formation, les officiers prêtent serment devant le Président de la République ou son représentant. Ceux qui sont transférés à RCS en provenance d'autres organes de sécurité ne prêtent pas encore le serment prévu au présent article.

Les surveillants de prisons, autres que les officiers, qui terminent la formation de base prêtent serment devant le Ministre.

Le serment prêté est celui prévu par la Constitution de la République du Rwanda. Le serment est prêté conformément à la procédure établie par l'autorité compétente.

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

Abacungagereza bashoje inyigisho hanze y'u Rwanda barahiye hatubahirijwe ibivugwa muri iyi ngingo, iyo bageze mu Rwanda barahira mu buryo buteganywa n'iyi ngingo.

Prison guards who completed the training abroad and have taken an oath not in accordance with the provision of this Article, take an oath as provided for by this Article in case they return in Rwanda.

Les surveillants de prisons qui ont terminé la formation à l'étranger et ont prêté un serment non conforme aux dispositions du présent article, prêtent serment tel que prévu par le présent article lorsqu'ils retournent au Rwanda.

**Ingingo ya 14: Uko matirikire zitangwa**

Abacungagereza bakurikiye inyigisho zimwe mu gihe kimwe bahabwa matirikire hakurikijwe uburyo batsinze inyigisho barangije.

**Article 14: Allocation of matriculation numbers**

Prison guards who attend the same course are given matriculation number according to their performance at the end of the course.

**Article 14: Attribution du numéro matricule**

L'attribution des numéros matricules aux surveillants de prisons ayant suivi la même session de formation est faite en fonction de leur ordre de réussite à la fin de celle-ci.

Abacungagereza baturutse mu zindi nzego z'umutekano bahabwa matirikire bahereye ku numero ikurikira iyari igezweho ku rutonde.

Prison guards coming from other security organs are given matriculation number following the last number of the list.

Les surveillants de prisons en provenance d'autres organes de sécurité reçoivent les numéros matricules suivant le dernier numéro de la liste.

**UMUTWE WA III: AMAPETI**

**CHAPTER III: RANKS**

**CHAPITRE III: GRADES**

**Ingingo ya 15: Inzego z'amapeti y'abacungagereza**

Amapeti y'abacungagereza ari mu nzego eshanu (5) kandi akurikiranye mu buryo bumanuka:

**Article 15: Classes of ranks of prison guards**

The ranks of prison guards are classified into five (5) levels and in the following descending order:

**Article 15: Classes des grades des surveillants de prisons**

Les grades des surveillants de prisons sont classés dans cinq (5) niveaux et dans l'ordre décroissant suivant:

1 ° amapeti y'abofisiye komiseri:

a. Commissioner General of

1 ° the ranks of commissioners:

a. Commissioner General of

1 ° les grades des officiers commissaires:

a. Commissioner General of Prison;

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

Prison;

- b. Deputy Commissioner General of Prison;
- c. Commissioner of Prison;
- d. Assistant Commissioner of Prison.

Prison;

- b. Deputy Commissioner General of Prison;
- c. Commissioner of Prison;
- d. Assistant Commissioner of Prison.

- b. Deputy Commissioner General of Prison;
- c. Commissioner of Prison;
- d. Assistant Commissioner of Prison.

2 ° amapeti y’abofisiye bisumbuye:

- a. Chief Superintendent of Prison;
- b. Senior Superintendent of Prison;
- c. Superintendent of Prison.

2 ° the ranks of senior officers:

- a. Chief Superintendent of Prison;
- b. Senior Superintendent of Prison;
- c. Superintendent of Prison.

2 ° les grades des officiers supérieurs:

- a. Chief Superintendent of Prison;
- b. Senior Superintendent of Prison;
- c. Superintendent of Prison.

3 ° amapeti y’abofisiye bato:

- a. Chief Inspector of Prison;
- b. Inspector of Prison;
- c. Assistant Inspector of Prison.

3 ° the ranks of junior officers:

- a. Chief Inspector of Prison;
- b. Inspector of Prison;
- c. Assistant Inspector of Prison.

3 ° les grades des officiers subalternes:

- a. Chief Inspector of Prison;
- b. Inspector of Prison;
- c. Assistant Inspector of Prison.

4 ° amapeti y’abasuzofisiye :

- a. Chief Sergeant;

4 ° the ranks of non-commissioned officers:

- a. Chief Sergeant;

4 ° les grades des sous-officiers:

- a. Chief Sergeant;

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

- b. Senior Sergeant;
- c. Sergeant;
- d. Corporal.

5 ° ipeti ry'abawada.

- b. Senior Sergeant;
- c. Sergeant;
- d. Corporal.

5 ° the rank of prison warders.

- b. Senior Sergeant;
- c. Sergeant;
- d. Corporal.

5 ° le grade de gardiens de prison.

**Ingingo ya 16: Ibiranga amapeti y'abacungagereza**

Iteka rya Minisitiri rigena ibiranga amapeti n'ibindi biranga ku buryo bwihariye inzego z'amapeti y'abacungagereza.

**Ingingo ya 17: Ububasha bwo gutanga ipeti**

Abofisiye bahabwa amapeti kandi bakazamurwa mu ipeti ryisumbuye n'iteka rya Perezida.

Abasuzofisiye kimwe n'abawada bahabwa amapeti kandi bakazamurwa mu ipeti ryisumbuye n'iteka rya Minisitiri.

**Ingingo ya 18: Ipeti ry'agateganyo**

Umuyobozi ufite ububasha bwo kuzamura mu ipeti umucungagereza ashobora kumutiza ipeti ryisumbuye kugira ngo

**Article 16: Distinguishing marks for the ranks of prison guards**

An Order of the Minister determines ranks and other distinguishing marks for prison guards.

**Article 17: Power to award ranks**

Officers are awarded ranks and promoted to higher ranks by a Presidential Order.

Non-commissioned officers and prison warders are awarded ranks and promoted to higher ranks by an Order of the Minister.

**Article 18: Temporary rank**

The authority with the power to promote in rank a prison guard may grant him/her a temporary higher rank for the purpose of

**Article 16: Signes distinctifs pour les grades des surveillants de prisons**

Un arrêté du Ministre détermine les grades et autres signes distinctifs pour les classes de grades des surveillants de prisons.

**Article 17: Pouvoir d'attribution de grade**

Les officiers reçoivent des grades et sont promus aux grades supérieurs par arrêté présidentiel.

Les sous-officiers et les gardiens de prisons reçoivent des grades et sont promus aux grades supérieurs par arrêté du Ministre.

**Article 18: Grade temporaire**

L'autorité nantie du pouvoir d'avancement d'un surveillant de prison en grade peut accorder temporairement à tout surveillant

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

ashobore kurangiza ubutumwa cyangwa gukora umurimo ujyanye na ryo.

enabling him/her to carry out an assignment or appointment corresponding to that rank.

de prison un grade supérieur en vue de lui permettre d'accomplir une mission ou d'occuper un poste correspondant à ce grade.

Ipeti ry'agateganyo rivanwaho iyo ubutumwa cyangwa umurimo birangiye.

The temporary rank is withdrawn at the end of the assignment or appointment.

Le grade temporaire est retiré à la fin de la mission ou de l'occupation du poste.

**Ingingo ya 19: Kuzamurwa mu mapeti**

**Article 19: Promotion in ranks**

**Article 19: Avancement en grades**

Kuzamurwa mu mapeti kw'abacungagereza mu buryo busanzwe bikorwa bisabwe n'Inama Nkuru ya RCS.

Ordinary promotion in ranks for prison guards is carried out on demand by the High Council of RCS.

L'avancement ordinaire de grades pour des surveillants de prisons se fait sur demande du Conseil Supérieur de RCS.

Icyakora, Perezida wa Repubulika ashobora gukora izamurwa mu ipeti ridasanzwe.

However, the President of the Republic may carry out a special promotion.

Toutefois, le Président de la République peut décider une promotion exceptionnelle.

**Ingingo ya 20: Ibisabwa mu kuzamurwa ku ipeti**

**Article 20: Conditions required for promotion in rank**

**Article 20: Conditions requise pour la promotion**

Guhabwa ipeti ryisumbuye biterwa n'ubushobozi bw'umucungagereza mu gutunganya imirimo yahawe bwagaragajwe n'isuzumabushobozi.

Promotion in rank depends on the performance of a prison guard in fulfilling tasks assigned to him/her as proven by a performance appraisal.

L'avancement en grade dépend de la performance du surveillant de prison dans l'exerce de ses fonctions prouvée par une évaluation de performance.

Umucungagereza azamurwa mu ipeti ryisumbuye iyo:

The prison guard is promoted to a higher rank when:

Un surveillant de prison bénéficie de l'avancement à un grade supérieur au cas où:

1° amaze imyaka ine (4) ku ipeti ry'abawada, imyaka itatu (3) ku basuzofisiye, imyaka itatu (3) ku

1° he/she spent at least four (4) years at the rank of prison warders, three (3) years for non-commissioned

1° il a passé quatre (4) ans au même grade pour les gardiens de prison, trois (3) ans pour les sous-officiers,

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

bofisiye bato, imyaka ine (4) ku bofisiye bisumbuye n'imyaka itanu (5) ku bofisiye komiseri;	officers, three (3) years for junior officers, four (4) years for senior officers and five (5) years for commissioners;	trois (3) ans pour les officiers subalternes, quatre (4) ans pour les officiers supérieurs et cinq (5) ans pour les officiers commissaires;
2° hari umwanya uteganyirizwa ipeti ryisumbuye ku ryo afite;	2° there is a vacant post requiring a superior rank;	2° il y a un poste vacant exigeant un grade supérieur;
3° agize amashuri cyangwa amahugurwa asabwa kuri iryo peti;	3° he/she possesses a required academic qualification or training on that rank;	3° il a acquis une qualification académique ou formation requise à ce grade;
4° arangwa n'imyitwarire myiza.	4° he/she has good conduct.	4° il est de bonne conduite.

**Ingingo ya 21: Impamvu zo kutazamurwa mu ipeti**

Nta mucungagereza ushobora kuzamurwa mu ipeti ryo hejuru igihe adakora, igihe yahagaritswe by'agateganyo bigamije iperereza cyangwa yatsinzwe ikizamini.

Icyakora, umucungagereza ashobora guhabwa ipeti, bikagira agaciro mbere y'igihe ritangiweho iyo:

- 1° agarutse mu mwanya we yari yahagaritswe by'agateganyo kubera impamvu z'uburwayi kandi atarigeze ata uburambe kubera izo mpamvu;

**Article 21: Reasons for denial of a promotion in rank**

No prison guard is promoted to a higher rank when he/she is not in service, suspended for investigations or fails to pass an exam.

However, a prison guard may be awarded a rank retrospectively if:

- 1° he/she gets back to his/her post after suspension due to health reasons and having not lost his/her seniority on rank because of these reasons;

**Article 21: Motifs de refus d'une promotion en grade**

Aucun surveillant de prison ne peut être promu au grade supérieur lorsqu'il est en suspension des fonctions aux fins d'enquêtes ou ne réussit pas à passer un examen.

Toutefois, le surveillant de prison peut être promu avec effet rétroactif si:

- 1° il retourne à son poste après une suspension de fonctions pour des raisons de santé et qu'il n'a subi aucune perte d'ancienneté en raison de celles-ci;

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

- 2° agarutse nyuma y'ihagarikwa ry'agateganyo;
- 3° guhabwa ipeti byakererejwe n'impamvu z'uburwayi cyangwa impamvu z'ubuyobozi kandi yari yaremerewe.

- 2° he/she gets back to his/her post after a suspension;
- 3° his/her promotion to the rank delayed due to his/her health reasons or administrative reasons while the promotion was approved.

- 2° il reprend le service après une suspension par mesure d'ordre;
- 3° son avancement en grade a été retardé pour des raisons de santé ou des raisons administratives alors que l'avancement avait été approuvé.

**Ingingo ya 22: Ibisabwa mu kuzamura umusuzofisiye mu cyiciro cy'abofisiye**

**Article 22: Conditions for a non-commissioned officer to be promoted to the category of officers**

**Article 22: Conditions de passage d'un sous-officier dans la catégorie des officiers**

Umusuzofisiye, ashobora kuzamurwa mu cyiciro cy'abofisiye iyo:

A non-commissioned officer may be promoted to the category of officers when he/she:

Un sous-officier peut être promu à la catégorie des officiers lorsqu'il:

- 1° abonye impamyabumenyi ya kaminuza cyangwa ihwanye na yo;
- 2° yakurikiye kandi agatsinda isomo ryihariye ryateguwe n'ishuri rya RCS ritegura abofisiye cyangwa se irindi shuri riri ku rwego rumwe na ryo.

- 1° obtains a bachelor's degree or its equivalent;
- 2° attended and passed an appropriate course for officers organised by RCS training academy or any other similar training school.

- 1° obtient un diplôme de licence ou son équivalent;
- 2° a suivi et réussi les cours appropriés organisés par l'école de formation des officiers de RCS ou un autre institut similaire.

**Ingingo ya 23: Ibisabwa mu kuzamura umuwada mu cyiciro cy'abasuzofisiye**

**Article 23: Conditions for a prison warder to be promoted to the category of non-commissioned officers**

**Article 23: Conditions de passage d'un gardien de prison à la catégorie des sous-officiers**

Umuwada ashobora kuzamurwa mu cyiciro cy'abasuzofisiye atarageza ku burambe buteganywa mu ngingo ya 24 y'iri teka iyo:

A prison warder may be promoted to the category of non-commissioned officers before attaining the seniority stated in Article 24 of this Order when he/she:

Un gardien de prison peut être avancé à la catégorie des sous-officiers avant l'ancienneté stipulée à l'article 24 du présent arrêté lorsqu'il:



*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

- |   |  |   |
|---|--|---|
| 1° abonye impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi y'amashuri yisumbuye (A2) cyangwa ihwanye na yo isabwa abasuzofisiye; | 1° holds the qualification for secondary school (A2) or its equivalent required for non-commissioned officers; | 1° obtient un diplôme ou un certificat d'études secondaire (A2) ou son équivalent exigé aux sous-officiers; |
| 2° yamaze nibura imyaka ibiri (2) ku buwada;  | 2° has at least two (2) years experience at the rank of prison warder;   | 2° a acquis une expérience d'au moins deux (2) ans au grade de gardien de prison;                           |
| 3° yakurikiye kandi agatsinda isomo ryihariye ryateguwe n'ishuri rya RCS ritanga inyigisho z'ibanze.                    | 3° attended and passed a special course organised by RCS basic training school.                                | 3° a suivi et réussi un cours approprié organisé par l'école de formation de base de RCS.                   |

**Ingingo ya 24: Ibisabwa umuwada kugira ngo azamurwe mu cyiciro cy'abofisiye**

Umuwada ashobora kuzamurwa mu cyiciro cy'abofisiye iyo:

- 1° abonye impamyabumenyi ya kaminuza cyangwa ihwanye na yo;
- 2° yakurikiranye kandi agatsinda inyigisho zitangwa n'ishuri ritegura abofisiye.

**Ingingo ya 25: Kurutanwa mu burambe ku ipeti kw'abacungagereza**

Kurutanwa mu burambe kw'abacungagereza bafite ipeti rimwe

**Article 24: Conditions for a prison warder to be promoted to the category of officers**

A prison warder may be promoted to the category of officers when he/she:

- 1° obtains a bachelor's degree or its equivalent;
- 2° attended and passed an appropriate course at an officer training school.

**Article 25: Seniority in rank of prison guards**

The seniority of prison guards with the same rank is determined according to:

**Article 24: Conditions de passage d'un gardien de prison à la catégorie d'officiers**

Un gardien de prison peut être avancé à la catégorie des officiers lorsqu'il:

- 1° obtient un diplôme de licence ou son équivalent;
- 2° a suivi et réussi les cours de l'école de formation des candidats officiers.

**Article 25: Ancienneté en grade des surveillants de prisons**

L'ancienneté des surveillants de prisons de même grade est déterminée en fonction:

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

bigenwa hakurikijwe:

1° urwego rw'imirimu buri wese akora;

2° itariki yahereweho ipeti hakurikijwe uwahawe ipeti mbere y'abandi;

3° inomeru ya matirikire ibanziriza izindi kuri lisiti bahamagarirwaho.

Igihe cyose umucungagereza adakora, ntikibarwa mu burambe ku ipeti, keretse igihe byatewe n'uburwayi.

**Ingingo ya 26: Iringanizwa ry'imirimu n'amapeti**

Umucungagereza uhawe umwanya w'umurimo muri RCS agomba kugira nibura ipeti rito ritaganywa kuri uwo mwanya w'umurimo nk'uko biteganyijwe mu mugereka w'iri teka.

Komiseri Mukuru wa RCS ashobora gushyira umucungagereza mu mwanya w'umurimo uri hejuru y'ipeti rye igihe afite ubushobozi bwihariye, bimaze kwemezwa n'Inama Nkuru ya RCS.

1° the duties carried out by each of them;

2° the date on which he/she got the rank, according to the one promoted first;

3° the matriculation number which comes before others on the roll list.

Any period of non-activity other than for health reasons is deducted from the seniority in rank of a prison guard.

**Article 26: Adjustment of duties with ranks**

Any prison guard occupying a job position in RCS must have at least the rank mentioned in front of the job position as provided for in the Annex to this Order.

The Commissioner General of RCS may, after approval by the High Council of RCS, nominate a prison guard to a job position required to the rank which is higher than his/her rank when he/she has special skills.

1° des fonctions exercées par chacun d'entre eux;

2° de la date à laquelle chacun a obtenu le grade, selon qu'il a été promu en premier lieu;

3° du numéro de matricule apparaissant le premier sur la liste nominale.

Toute période de non-activité autre que pour des raisons de santé est déduite de l'ancienneté en grade du surveillant de prison.

**Article 26: Correspondance des fonctions avec les grades**

Pour occuper un poste de travail, le surveillant de prison doit avoir au moins le grade mentionné devant le poste de travail comme il est prévu en annexe du présent arrêté.

Le Commissaire Général de RCS peut, après approbation du Conseil Supérieur de RCS, nommer un surveillant de prison au poste correspondant à un grade plus élevé que le sien quand ce dernier a des compétences spéciales.

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

Umucungagereza uhawe umwanya w'umurimo by'agateganyo adafite nibura ipeti rito riwuteganyirijwe, agomba kuba afite amashuri asabwa kuri uwo mwanya kandi afite nibura ipeti rikurikira ipeti rikeneze kuri uwo mwanya.

In order to be appointed to a job position without having a required rank, the prison guard must possess an educational level which is required to that position and at least have a rank which follows the rank required.

Pour être nommé au poste de travail sans avoir un grade requis, le surveillant de prison doit posséder un niveau d'études requis à ce poste et au moins avoir un grade qui suit le grade requis.

**UMUTWE WA IV: KUBA KU MURIMO, GUSHYIRWA AHANDI NO GUTIZWA**

**CHAPTER IV: PERIOD OF DUTY, PLACEMENT AND SECONDMENT**

**CHAPITRE IV: PERIODE D'ACTIVITE, MISE A LA DISPOSITION ET DETACHEMENT**

**Icyiciro cya mbere: Umucungagereza uri mu kazi**

**Section One: Prison guard in service**

**Section premier: Surveillant de prison en activité**

**Ingingo ya 27: Umucungagereza mu murimo wa RCS**

**Article 27: Prison guard while serving RCS**

**Article 27: Surveillant de prison au service de RCS**

Umucungagereza aba ari mu murimo wa RCS, igihe akora akazi k'umwuga we kandi agengwa n'iyi sitati.

A prison guard is serving RCS while fulfilling his/her professional work and being governed by this statute.

Le surveillant de prison est au service de RCS lorsqu'il est en cours d'exercice de sa carrière et est régi par le présent statut.

Umucungagereza afatwa kandi nk'aho ari ku murimo wa RCS no mu bihe bikurikira:

A prison guard is considered as being serving RCS even in the following circumstances:

Un surveillant de prison est considéré comme étant au service de RCS même dans les circonstances suivantes:

- 1° ikiruhuko n'impushya zo gusiba;
- 2° amahugurwa y'abacungagereza;
- 3° ubutumwa bwa Leta.

- 1° leave and authorised absence;
- 2° training for prison guards;
- 3° official mission.

- 1° congé et absence autorisée;
- 2° formation des surveillants de prisons;
- 3° mission officielle.

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

Igihe cy'inyigisho zo kwitoza umurimo ntikibarirwa mu gihe cy'umurimo.

The period for preparatory professional training shall not be counted in the service period.

La période de formation professionnelle préparatoire n'est pas incluse dans la durée de service.

**Ingingo ya 28: Ikiruhuko n'uruhushya rwo gusiba**

**Article 28: Leave and authorised absence**

**Article 28: Congé et absence autorisé**

Abacungagereza bemerewe ibiruhuko n'impushya zo gusiba hakurikijwe ibiteganywa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

Prison guards are entitled to leave and authorised absence in accordance with the provisions of the general statutes for public service.

Les surveillants de prisons bénéficient de congés et d'absences autorisées conformément aux dispositions du statut général de la fonction publique.

Umucungagereza uri mu kiruhuko cyangwa uhawe uruhushya rwo gusiba wifuzwa kujya hanze y'u Rwanda abyemererwa na Komiseri Mukuru wa RCS.

A prison guard on leave or authorised absence who needs to go outside Rwanda is authorised by the Commissioner General of the RCS.

Le surveillant de prison en congé ou en absence autorisée qui a besoin de sortir du Rwanda en est autorisé par le Commissaire Général de RCS.

**Ingingo ya 29: Ububasha bwo gutanga ikiruhuko cy'umwaka n'impushya zo gusiba**

**Article 29: Authorities granting annual leave and authorised absences**

**Article 29: Autorités habilitées à octroyer le congé annuel et les absences autorisées**

Usibye Komiseri Mukuru wa RCS na Komiseri Mukuru Wungirije wa RCS bemererwa ibiruhuko cyangwa impushya zo gusiba na Minisitiri, ibiruhuko by'umucungagereza bitangwa n'abayobozi babifitiye ububasha muri RCS.

Except the Commissioner General of RCS and Deputy Commissioner of RCS whose leave or authorised absence are approved by the Minister, annual leave and authorised absence are granted by competent authorities in RCS.

Exception faite du Commissaire Général de RCS et du Commissaire Général Adjoint de RCS dont les congés et absences autorisées sont accordés par le Ministre, les congés annuels et absences autorisées pour les autres surveillants de prisons sont octroyés par les autorités compétentes au sein de RCS.

**Ingingo ya 30: Amahugurwa y'abacungagereza**

Amahugurwa y'abacungagereza ni igihe abacungagereza bahagarika by'agateganyo akazi k'ubucungagereza kugira ngo bakurikirane amahugurwa y'ubucungagereza mu buryo buhoraho.

Amahugurwa y'abacungagereza ashobora gukorerwa imbere mu gihugu cyangwa mu mahanga.

Amahugurwa y'abacungagereza arengeje iminsi mironko itatu (30) akorewe hanze y'Igihugu yemezwa na Minisitiri abisabwe na Komiseri Mukuru wa RCS hakurikijwe amategeko abigenga.

**Article 56: Format des formulaires d'évaluation**

La forme des bulletins de signalement du surveillant ainsi que les modalités d'évaluation annuelle sont déterminées par les instructions du Ministre sur avis du Conseil Supérieur de RCS.

**CHAPITRE VII: TRAITEMENT ET AVANTAGES D'UN SURVEILLANT DE PRISON**

**Article 57: Salaire**

Le salaire est payé à la fin de chaque mois.

Un arrêté du Premier Ministre détermine le salaire et avantages des surveillants de prisons.

**Article 58: Prime de spécialité**

Le surveillant de prison spécialiste bénéficie d'une prime de spécialité déterminée par arrêté du Ministre après consultation avec le Ministre ayant les finances dans ses attributions.



**Ingingo ya 59: Ibikoresho by'akazi**

Leta iha umucungagereza imyambaro y'ubucungagereza, intwaro n'ibindi byangombwa bikenewe kugira ngo imirimo ye itungane.

**Ingingo ya 60: Ubwishingizi bw'indwara**

Umucungagereza, abana be n'uwo bashyingiranywe bavuzwa mu bwishingizi bwashyizweho.

**Ingingo ya 61: Uburwayi buturutse ku mpamvu z'akazi**

Bitabangamiye ibivugwa mu ngingo 60 y'iri teka, umucungagereza aravurwa, bikishyurwa na Leta, iyo uburwayi bwe bwaturutse ku kazi akora.

Kuvurwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, bishobora gukorerwa mu mavuriro yo mu mahanga hashingiwe ku cyemezo cya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze, abisabwe na Minisitiri.

Iyo umucungagereza uri mu butumwa bwa Leta mu mahanga arwariyeyo yishingirwa na Leta muri byose mu kumuvuza.

**Article 59: Equipment for service**

The Government makes available to a prison guard a uniform, weapon and other equipment necessary for the exercise of his/her functions.

**Article 60: Medical insurance**

The prison guard, his/her children and spouse get treatment with health insurance.

**Article 61: Sickness resulting from work**

Without prejudice to the provisions of Article 60 of this Order, a prison guard is given medical care at the expense of the Government if the sickness was a result of work.

The medical treatment mentioned in Paragraph One of this Article may be done in hospitals abroad after approval by the Minister in charge of health upon request by the Minister.

Costs for medical treatment of a prison guard who falls sick while on official mission abroad is totally covered by the Government.

**Article 59: Equipements de service**

L'Etat met à la disposition d'un surveillant de prison l'uniforme, l'armement et tout autre équipement nécessaire pour l'exercice de ses fonctions.

**Article 60: Assurance maladie**

Le surveillant de prison, ses enfants ainsi que son conjoint sont soignés avec une assurance maladie.

**Article 61: Maladie suite à l'exercice des fonctions**

Sans préjudice des dispositions de l'article 60 du présent arrêté, un surveillant de prison est soigné aux frais de l'Etat, au cas où sa maladie résulte de l'exercice de ses fonctions.

Les soins médicaux prévus à l'alinéa premier du présent article peuvent être dispensés dans des hôpitaux à l'étranger sur approbation du Ministre ayant la santé dans ses attributions sur demande du Ministre.

Un surveillant de prison en mission officielle à l'étranger est soigné aux frais de l'Etat en entier.

**Ingingo ya 62: Ishimwe ku musaruro wa za gereza**

Umubare w'amafaranga y'ishimwe ku bacungagereza rikomoka ku nyungu z'umusaruro wa za gereza ugenwa n'Inama Nkuru ya RCS.

Iryo shimwe ntirirenza icumi ku ijana (10%) ry'iyonyungu ku mwaka.

**Ingingo ya 63: Kwimura umucungagereza**

Iyo umucungagereza yimuriwe ahandi harengaje nibura ibirometero mirongo itatu (30) uvuye aho yari asanzwe akorera, ahabwa uburyo bwo kwimuka.

**Ingingo ya 64: Ibigenerwa umucungagereza uri mu butumwa**

Ibigenerwa umucungagereza uri mu butumwa bwa Leta hanze cyangwa imbere mu gihugu ni bimwe n'ibyo abakozi ba Leta bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta bagenerwa.

**Ingingo ya 65: Izamurwa ry'imibereho myiza**

Minisitiri, abisabwe n'Inama Nkuru ya

**Article 62: Bonus resulting from the prison production**

A bonus for a prison guard resulting from the profit on prison production is determined by the High Council of RCS.

These bonuses shall not exceed ten percent (10%) of the annual profit.

**Article 63: Transfer of a prison guard**

Where a prison guard is transferred to a location exceeding thirty (30) kilometers from the previous location, he/she is provided with transport means for this transfer.

**Article 64: Allowance for a prison guard in official mission**

Allowances entitled to prison guard in official mission inside or outside the country are the same as those entitled to a civil servant governed by the general statutes for public service.

**Article 65: Improvement of welfare**

Upon the request of the High Council of

**Article 62: Primes sur la production des prisons**

Le montant des primes pour les surveillants de prisons résultant du profit sur la production des prisons est déterminé par le Conseil Supérieur de RCS.

Cette prime ne doit pas dépasser dix pour cent (10%) du profit annuel.

**Article 63: Mutation d'un surveillant de prison**

Si un surveillant de prison est muté à un lieu situé à plus de trente (30) kilomètres de son lieu d'affectation, il bénéficie des moyens de transport pour cette mutation.

**Article 64: Indemnités accordés au surveillant de prison en mission officielle**

Les indemnités accordées à un surveillant de prison en mission officielle à l'intérieur ou à l'extérieur du pays sont les mêmes que celles allouées aux agents de l'Etat régis par le statut général de la fonction publique.

**Article 65: Amélioration des conditions de vie**

Sur proposition du Conseil Supérieur de

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

RCS, ashobora gushyiraho ubundi buryo bwo kuzamura imibereho myiza y'abacungagereza.

Urwego rw'icumbi, amafunguro cyangwa amafaranga ahwanyeye na byo bigenwa na Minisitiri abyumvikanyeho na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze.

**Ingingo ya 66: Gutanga impeta z'ishimwe**

RCS ishobora guha imidari n'impeta z'ishimwe abacungagereza bakoze neza.

Abacungagereza bakoze neza bashobora kandi guhabwa imidari n'impeta z'ishimwe ku rwego rw'Igihugu hakurikijwe amategeko abigenga.

**UMUTWE WA VIII: IMYIFATIRE**

**Ingingo ya 67: Ikosa ry'imyitwarire**

Ikosa ry'imyitwarire y'umucungagereza ni:

- 1 ° ugukora ikibujijwe cyangwa kudakora igitegetswe, byaba ku

RCS, the Minister may establish other ways of improving the welfare of prison guards.

The category of accommodation and food for prison guard or the equivalent in cash is determined by the Minister in consultation with the Minister in charge of finance.

**Article 66: Awarding honorary medals**

RCS may award prison guards who served with dignity honorary medals and honorary distinctions.

Prison guards who served with dignity may also be awarded honorary medals and honorary distinctions at the national level in conformity with relevant laws.

**CHAPTER VIII: DISCIPLINARY MEASURES**

**Article 67: Disciplinary fault**

A disciplinary fault of a prison guard consists of:

- 1 ° any commission or omission, be it voluntary or out of negligence that

RCS, le Ministre peut déterminer d'autres moyens pour améliorer les conditions de vie des surveillants de prisons.

La catégorie de logement et de ration alimentaire ou leurs équivalents en argent sont déterminés par le Ministre en accord avec le Ministre ayant les finances dans ses attributions.

**Article 66: Décerner les médailles honorifiques**

RCS peut décerner aux surveillants de prisons qui ont servi dignement, des médailles honorifiques ou des médailles de distinction honorifique.

Les surveillants qui ont servi dignement peuvent aussi être décorés au niveau national conformément à la législation en la matière.

**CHAPITRE VIII: REGIME DISCIPLINAIRE**

**Article 67: Faute disciplinaire**

La faute disciplinaire d'un surveillant de prison consiste en:

- 1 ° tout acte ou omission, volontaire ou suite à sa négligence, pouvant porter

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

bushake cyangwa kubera  
kutabyitaho bishobora kugira  
ingaruka ku kazi ke;

may impede his/her duties;

atteinte à l'accomplissement de ses  
devoirs;

2° kutumvira amabwiriza yatanze  
n'abamukuriye mu buryo bukurikije  
amategeko cyangwa igikorwa cyose  
cyanduza isura nziza ya RCS.

2° disobedience to lawful orders  
given by superiors or any other  
behavior tarnishing the image of  
RCS.

2° la désobéissance aux ordres  
légitimes donnés par ses supérieurs  
ou en tout comportement susceptible  
de ternir l'image de RCS.

Ugukomera kw'amakosa kwiyongera iyo  
asubiwemo cyangwa akozwe n'abantu  
bishyize hamwe.

The gravity of the fault increases if it is  
repeated or done collectively.

La gravité des fautes augmente lorsqu'elles  
sont réitérées ou collectives.

**Ingingo ya 68: Ikurikiranwa mu rwego  
rw'imyitwarire**

**Article 68: Disciplinary proceedings**

**Article 68: Procédure disciplinaire**

Gukurikirana umucungagereza mu rwego  
rw'imyitwarire no kumuhana bikorwa mu  
nyandiko.

Procedures for disciplinary action against  
a prison guard and punishment is done in  
writing.

Toute action disciplinaire et toute sanction  
contre le surveillant de prison est faite par  
écrit.

Urupfu rw'umucungagereza  
ukurikiranyeho ikosa ry'imyifatire  
ruhagarika ikurikiranwa.

The death of a prison guard accused of  
misconduct terminates the disciplinary  
proceedings.

Le décès d'un surveillant poursuivi pour  
faute disciplinaire met fin à toute procédure  
disciplinaire.

**Ingingo ya 69: Uburenganzira bwo  
kwisobanura**

**Article 69: Right of defense**

**Article 69: Droit de défense**

Buri mucungagereza afite uburenganzira  
bwo kwisobanura mbere yo gufatirwa  
icyemezo icyo ari cyo cyose mu rwego  
rw'imyitwarire.

Every prison guard has the right of  
defense before any disciplinary action is  
taken against him/her.

Tout surveillant a le droit de défense avant  
qu'une décision disciplinaire quelconque  
soit prise contre lui.

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

Amabwiriza y'imyifatire y'abacungagereza n'isuzumwa ry'amakosa y'imyifatire agenwa n'Inama Nkuru ya RCS bikemezwa na Minisitiri.

The instructions relating to disciplinary sanctions and disciplinary procedure for prison guards are determined by High Council of RCS and approved by the Minister.

Les instructions relatives aux sanctions et la procédure disciplinaire des surveillants de prisons sont déterminées par le Conseil Supérieur de RCS et approuvées par le Ministre.

**Ingingo ya 70: Uburyozwe bw'ikosa n'uburyozwe bw'icyaha**

**Article 70: Disciplinary liability and criminal liability**

**Article 70: Responsabilité disciplinaire et responsabilité pénale**

Igihano gihawe umucungagereza mu rwego rw'imyitwarire ntikibuza ko habaho uburyozwe bw'icyaha.

The disciplinary sanction imposed on a prison guard is independent from criminal liability.

La sanction disciplinaire imposée au surveillant de prison est indépendante de la responsabilité pénale.

Icyakora iyo atahamwe n'icyaha, umucungagereza wahawe igihano mu rwego rw'akazi, afite uburenganzira bwo gusaba ko ikosa n'igihano yahawe bihanagurwa.

However, when the substance of the criminal offence has not been established before a court, a prison guard affected by a disciplinary sanction has the right to request cancellation of the fault and the disciplinary sanction imposed on him/her.

Toutefois, lorsque la matérialité de l'infraction n'est pas établie devant la juridiction, le surveillant frappé d'une sanction disciplinaire a le droit de demander la radiation de la faute et de la sanction disciplinaire lui imposée.

**Ingingo ya 71: Ivanwaho ry'ibihano**

**Article 71: Cancellation of sanctions**

**Article 71: Annulation de sanctions**

Nta gihano na kimwe gishobora gushyirwa mu bikorwa ikosa ritarahama nyir'ubwite.

No sanction can be executed before the accused is proved guilty.

Aucune sanction ne peut être exécutée sans que le concerné ne soit reconnu coupable.

Inama Nkuru ya RCS ishobora gukuraho ibihano by'akazi umucungagereza yahawe, iyo bigaragaye ko yarenganye.

The High Council of RCS may cancel disciplinary sanctions pronounced against a prison guard after his/her innocence is proven.

Le Conseil Supérieur de RCS peut annuler les sanctions disciplinaires infligées à un surveillant de prison, une fois que son innocence est prouvée.

Amategeko ngengamikorere ya RCS agena

Internal rules and regulations of RCS

Le règlement d'ordre intérieur de RCS

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

uburyo bukurikizwa kugira ngo umucungagereze ageze ikibazo cye cyo gukurirwaho ibihano ku Nama Nkuru ya RCS.

determine modalities of how prison guard submits his/her case on cancellation of sanctions to the High Council of RCS.

détermine les modalités selon lesquelles un surveillant de prison soumet son dossier d'annulation de sanctions au Conseil Supérieur de RCS.

**UMUTWE WA IX: IRANGIRA RY'UMURIMO**

**CHAPTER IX: TERMINATION OF OF SERVICE**

**CHAPITRE IX: CESSATION DE FONCTIONS**

**Ingingo ya 72: Impamvu z'irangira ry'umurimo**

**Article 72: Grounds for termination of service**

**Article 72: Motifs de cessation de fonctions**

Umurimo w'ubucungagereza urangira kubera impamvu zikurikira:

Termination of service for a prison guard takes place due to the following grounds:

La cessation de fonctions d'un surveillant de prison est due aux motifs suivants:

1° gushyirwa mu kiruhuko cy'izabukuru;

1° retirement;

1° mise à la retraite;

2° kwegura byemewe;  
3° gusezererwa nta mpaka;

2° accepted resignation;  
3° automatic removal from office;

2° démission volontaire acceptée;  
3° démission d'office;

4° gusezererwa kubera impamvu z'uburwayi;

4° discharge for sickness;

4° cessation d'activité pour cause de maladie;

5° gukatirwa igihano cy'igifungo kingana nibura n'amezi atandatu (6) cyangwa ibihano by'igifungo bibiri (2) biteranyije birengeje amezi atandatu (6);

5° prison sentence equal to six (6) months or two (2) prison sentences exceeding six (6) months when combined;

5° condamnation à une peine d'emprisonnement égale à six (6) mois au moins ou à deux (2) peines d'emprisonnement qui, totalisées, excèdent six (6) mois;

6° kwirukanwa;

6° dismissal;

6° révocation;

7° gusubizwa mu buzima busanzwe;

7° lay-off;

7° désengagement;

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

8° urupfu.

8° death.

8° décès.

**Ingingo ya 73: Igihe cyo kujya mu kiruhuko cy'izabukuru k'umucungagereza**

**Article 73: Period of retirement for a prison guard**

**Article 73: Période de mise à la retraite pour un surveillant de prison**

Imyaka ntarengwa yo kujya mu kiruhuko cy'izabukuru cy'umucungagereza ni iyi ikurikira:

The age limit for prison guards for retirement is as follows:

La limite d'âge pour la mise à la retraite pour des surveillants de prisons est la suivante:

1° imyaka mirongo itandatu (60) ku ba ofisiye komiseri;

1° sixty (60) years for commissioners;

1° soixante (60) ans pour les officiers commissaires;

2° imyaka mirongo itanu n'itanu (55) ku ba ofisiye bisumbuye;

2° fifty-five (55) years for senior officers;

2° cinquante-cinq (55) ans pour les officiers supérieurs;

3° imyaka mirongo itanu (50) ku ba ofisiye bato;

3° fifty (50) years for junior officers;

3° cinquante (50) ans pour les officiers subalternes;

4° imyaka mirongo ine n'itanu (45) ku ba suzofisiye n'abawada.

4° forty-five (45) years for non-commissioned officers and wards.

4° quarante-cinq (45) ans pour les sous-officiers et gardiens de prison.

Umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga ipeti ashobora kongerera umucungagereza igihe kitarenga imyaka itanu (5) byemejwe n'Inama Nkuru ya RCS.

The authority competent to give promotion may extend the period for retirement of a prison guard for a period not exceeding five (5) years after approval by the High Council of RCS.

L'autorité ayant le pouvoir de promouvoir en grade peut prolonger le délai de la mise à la retraite d'un surveillant de prison pour une période n'excédant pas cinq ans (5) après approbation par le Conseil Supérieur de RCS.

Haseguriwe ibiteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, umucungagereza wese ashobora guhabwa ikiruhuko cy'izabukuru iyo agejeje nibura ku myaka

Notwithstanding the provisions of Paragraph One of this article, any prison guard may be granted the retirement when he/she has served for at least fifteen (15)

Sous réserve des dispositions du premier alinéa de cet article, tout surveillant de prison peut bénéficier de la mise à la retraite dès qu'il atteint quinze (15) ans de service

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

cumi n'itanu (15) y'akazi. Imyaka umucungagereza yamaze mu zindi nzego z'umutekano na yo yitabwaho.

years. Years of service rendered by a prison guard in other security organs are also considered.

au moins. Le nombre d'années de service du surveillant de prison dans d'autres organes de sécurité sont également prises en considération.

**Ingingo ya 74: Imperekeza y'izabukuru**

**Article 74: Retirement package**

**Article 74: Indemnités de départ à la retraite**

Umucungagereza ugiye mu kiruhuko cy'izabukuru ahabwa amafaranga y'imperekeza y'izabukuru angana n'amezi mirongo itatu n'atandatu (36) y'umushahara yari agezeho.

A prison guard who retires is entitled to a retirement package equal to thirty six (36) times of his/her monthly salary.

Un surveillant de prison qui part à la retraite bénéficie d'une indemnité de départ à la retraite équivalant à trente-six (36) fois de son salaire actuel.

Umucungagereza wahawe amafaranga y'imperekeza y'izabukuru n'urundi rwego rwa Leta ushyizwe mu kiruhuko cy'izabukuru na RCS, ahabwa amafaranga y'imperekeza y'izabukuru ku buryo bukurikira:

A prison guard who have received retirement package from another government institution and he/she is retired from RCS, is entitled to retirement package as follows:

Le surveillant de prison qui a bénéficié d'une indemnité de départ à la retraite d'un autre organe de l'Etat, et qui est mis à la retraite par RCS, bénéficie de l'indemnité de départ à la retraite de la manière suivante:

1° amezi atatu (3) y'umushahara yari agezeho iyo yakoze nibura kuva ku mwaka umwe (1) kugera kuri itanu (5);

1° three (3) months of his/her salary when he/she served at least one (1) year to five (5) years;

1° trois (3) mois de son salaire s'il a servi au moins une (1) année jusqu'à cinq (5) ans;

2° amezi atandatu (6) y'umushahara yari agezeho iyo yakoze nibura kuva ku imyaka itanu (5) kugera ku icumi (10);

2° six (6) months of his/her salary when he/she served at least five (5) to ten (10) years;

2° six (6) mois de son salaire s'il a servi au moins cinq (5) ans jusqu'à dix (10) ans;

3° amezi (9) iyo yakoze nibura kuva

3° nine (9) months of his/salary when

3° neuf mois (9) de son salaire s'il a



*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza kuri makumyabiri (20);

he/she served at least fifteen (15) years and less than twenty (20) years;

servi au moins quinze (15) ans jusqu'à vingt (20) ans;

4° amezi cumi n'atanu (15) y'imperekeza iyo yakoze nibura kuva ku myaka makumyabiri n'itanu (25) kugera kuri mirongo itatu (30).

4° fifteen (15) months of his/her salary when he/she served at least twenty five (25) years to thirty (30) years.

4° quinze (15) mois de son salaire s'il a servi au moins vingt-cinq (25) ans jusqu'à trente (30) ans.

**Ingingo ya 75: Icyubahiro cy'umwofisiye komiseri uri mu kiruhuko cy'izabukuru**

**Article 75: Honour for a retired commissioner**

**Article 75: Honneur d'un officier commissaire en retraite**

Abofisiye komiseri bagiye mu kiruhuko cy'izabukuru bemererwa gukomeza kwambara imyenda y'abacungagereza n'amapeti bari bagezeho ku minsi mikuru ya Leta.

The retired commissioners are permitted to wear prison guard's official uniform with their last rank on the occasion of State ceremonies.

Les officiers commissaires en retraite sont autorisés à porter l'uniforme officiel et les insignes de leurs derniers grades à l'occasion des cérémonies de l'Etat.

**Ingingo ya 76: Kwegura ku murimo**

Ukwegura ku murimo k'umucungagereza bikorwa mu nyandiko binyujijwe kuri Komiseri Mukuru.

**Article 76: Resignation**

A prison guard resigns in writing through the Commissioner General.

**Article 76: Démission volontaire**

La démission d'un surveillant de prison se fait par écrit sous couvert du Commissaire Général.

Iyo hashize igihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uherye ku munsu umuyobozi ubifitiye ububasha yaboneyeho ibaruwa ibisaba, umucungagereza atarasubizwa, kwegura ku kazi bifatwa nk'aho byemewe.

If no response has been given to the prison guard within thirty (30) days as from the date when the competent authority received the resignation letter, his/her resignation is considered as accepted.

Si aucune réponse n'a été donnée au gardien de prison dans les trente (30) jours à compter de la date à laquelle l'autorité compétente a reçu la lettre de démission, sa démission est considérée comme acceptée.

Umucungagereza usabye kwegura ku kazi aguma ku murimo ye kugeza igihe

A prison guard who has submitted his/her resignation request continues to discharge

Un surveillant de prison qui a présenté sa démission volontaire reste en fonction

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

amenyesherejwe icyemezo cyerekeranye n'ibyo yasabye. his/her duties until he/she is notified of the decision on his/her request. jusqu'à ce que la décision sur sa demande lui soit notifiée.

Nta mucungagereza wemerewe gusaba kwegura ku kazi ku bushake ataramara nibura imyaka icumi (10) akorera RCS. No prison guard can apply for resignation for personal reasons if he/she has not yet spent at least ten (10) years working at RCS. Aucun surveillant de prison ne peut présenter une demande de démission pour des raisons personnelles s'il n'a pas encore passé au moins dix (10) ans au service de RCS.

**Ingingo ya 77: Gusezererwa nta mpaka**

**Article 77: Automatic removal from office**

**Article 77: Démission d'office**

Umucungagereza wese asezererwa nta mpaka n'umuyobozi ufite ububasha bwo kumuha akazi iyo: A prison guard is removed from office by the authority entrusted with the power of appointment when: Un surveillant de prison est démis d'office par l'autorité de nomination au cas où:

1° atacyujuje ibyashingiweho ahabwa akazi;

1° he/she is no longer a fulfils the requirements considered at the time of appointment;

1° il ne remplit plus les conditions pour lesquelles il avait été nommé;

2° amategeko y'imbonezamubano cyangwa ahana amubuza gukomeza umurimo;

2° the application of civil or criminal laws causes the cessation of his/her service;

2° l'application des lois civiles ou pénales entraîne la cessation de ses fonctions;

3° atazamuwe mu ntera incuro ebyiri (2) zikurikirana ;

3° he/she has not been promoted for two (2) consecutive times;

3° il n'a pas été promu pour deux (2) fois consécutives.

4° afunzwe by'agateganyo mu gihe kirengeje amezi atandatu (6) ;

4° if he/she is placed in provisional detention for a period exceeding six (6) months;

4° s'il a été placé en détention provisoire pour une période supérieure à six (6) mois ;

5° adafite intege cyangwa ubwenge

5° if he/she is not physically or

5° s'il n'est pas physiquement ou

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

bishobora gutuma asubira ku kazi arangije ikiruhuko kirekire cy'uburwayi giteganywa muri sitati rusange igenga abakozi ba leta.

mentally able to resume his/her duties after a long term sick leave provided for in the Law establishing General Statutes for public service.

intellectuellement apte à reprendre ses fonctions après le congé de maladie de longue durée prévu dans la statut general de la fonction publique.

6° nyuma y'ihagarikwa ry'agateganyo rirengeje igihe cy'amezi atandatu (6).

6° after the period of suspension of more than six (6) months.

6° après une période de suspension supérieure a six (6) mois.

**Ingingo ya 78: Gusezererwa ku kazi kubera impamvu z'uburwayi cyangwa ubumuga**

**Article 78: Discharge for sickness or invalidity**

**Article 78: Cessation d'activités suite à une maladie ou invalidité**

Umuyobozi ufite ububasha bwo kumuha akazi, amaze kubona raporo y'akanama k'abaganga batatu (3) bemewe na leta, asezerera umucungagereza utagishoboye gukomeza akazi.

The authority entrusted with the power to appoint him/her, discharges any prison guard who, according to a medical report of a medical committee composed of three (3) recognized medical doctors is definitively unable to continue to serve.

L'autorité de nomination, sur base d'un rapport médical constaté par une commission médicale composée de trois (3) médecins agréés, met fin à la fonction du surveillant de prison qui est définitivement inapte de continuer à servir.

Umucungagereza wese usezerewe kubera impamvu z'uburwayi cyangwa ubumuga ahabwa amafaranga y'imperekeza angana n'amezi cumi n'abiri (12) y'umushahara fatizo we wa nyuma igihe yakoraga kandi afashwa na Leta hakurikijwe amategeko abigenga.

Any prison guard discharged for health or invalidity reasons is entitled to a package equivalent to basic salary of twelve (12) months according to his/her last pay level and is assisted by the State according to the relevant law.

Tout surveillant de prison démis de ses fonctions suite à une maladie ou une invalidité bénéficie d'une indemnité de fin de carrière correspondant à douze (12) mois de son dernier salaire de base et est pris en charge par l'Etat conformément à la législation en la matière.

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

**Ingingo ya 79: Kwirukanwa burundu k'umucungagereza**

Umucungagereza wese yirukanwa burundu n'umuyobozi ufite ububasha bwo kumuha akazi iyo:

- 1° bigaragaye ko yabeshye igihe cyo kwinjizwa mu murimo;
- 2° yasohoye muri gereza umuntu ufunzwe kugira ngo akore igikorwa kinyuranyije n'amategeko abigenga;
- 3° yinjije muri gereza cyangwa mu mbago zayo ibintu bitemerewe kwinjizwa;
- 4° yataye umurimo we nta mpamvu igaragara mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) ikurikiranye;
- 5° yataye akazi k'uburinzi;
- 6° yafashije umuntu ufunzwe gutoroka;
- 7° yacitswe n'umuntu ufunzwe biturutse ku burangare cyangwa ubushishozi bucyeye;

**Article 79: Dismissal of a prison guard**

A prison guard is dismissed from office by the authority entrusted with the power of appointment when:

- 1° he/she is found guilty of having made false declarations during recruitment;
- 2° he/she authorised an incarcerated person to go out the prison to perform any activity contrary to relevant laws;
- 3° he/she introduces in the prison or in its vicinity prohibited items ;
- 4° he/she abandons his/her duty station without a valid reasons for fifteen (15) consecutive days;
- 5° he/she abandons his/her post;
- 6° he/she helped the incarcerated person to escape;
- 7° an incarcerated person escaped him/her under his/her control due to his/her negligence or

**Article 79: Révocation d'un surveillant de prison**

Un surveillant de prison est démis d'office par l'autorité de nomination au cas où:

- 1° il s'est rendu coupable de déclarations mensongères lors du recrutement;
- 2° il a autorisé une personne incarcérée de sortir de la prison pour se livrer à une activité en violation des lois en la matière;
- 3° il fait entrer dans la prison ou à ses alentours les objets non autorisés;
- 4° il abandonne son poste de travail sans motifs valables pendant au moins quinze (15) jours consécutifs;
- 5° il abandonne son poste de garde;
- 6° il a aidé une personne incarcérée à s'évader;
- 7° un prisonnier sous sa surveillance s'est évadé à cause de sa négligence ou son imprudence;

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

carelessness;

8° afatiwe mu cyuho cya ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano;	8° he/she is caught red-handed in corruption or related offences;	8° il est attrapé en flagrant délit de corruption ou infractions connexes;
9° yahannye mu buryo bunyuranyije n'amategeko umuntu ufunzwe;	9° he/she has illegally imposed a sanction on an incarcerated person;	9° il a illégalement donné une sanction à une personne incarcérée;
10° yasabye guhagarika akazi ku mpamvu ze bwite akanga gusubira ku murimo nta mpamvu igaragara igihe ahamagawe, mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu;	10° he/she refuses to resume service within fifteen (15) days without valid reasons when required after applying for suspension of duties for personal reasons;	10° il refuse de reprendre le service dans les quinze (15) jours sans raisons valables au besoin après avoir demandé la suspension des fonctions pour des raisons personnelles;
11° yakoze irindi kosa riremerye ryemejwe n'inama nkuru ya RCS.	11° he/she commits any other gross misconducts as may be determined by the High Council of RCS.	11° il commet toute autre faute grave telle que déterminée par le Haut Conseil de RCS
Igihano cyo kwirukanwa burundu gitangwa n'umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga ipeti.	The sanction of dismissal is imposed by the authority empowered to award ranks.	La sanction de révocation est imposée par l'autorité nantie du pouvoir d'attribuer le grade.
Kwirukanwa burundu bigira agaciro guhera umunsi umucungagereza yamenyesherejweho icyemezo kimwirukana.	The decision of dismissal takes effect as from the date the prison guard is notified thereof.	La révocation prend effet à partir de la date de réception de la notification par le surveillant de prison.
<b><u>Ingingo ya 80: Gusubizwa mu buzima busanzwe k'umucungagereza</u></b>	<b><u>Article 80: Lay off a prison guard</u></b>	<b><u>Article 80: Désengagement d'un surveillant de prison</u></b>
Umucungagereza ashobora gusubizwa mu	A prison guard may be laid off upon	Un surveillant de prison peut être désengagé

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

buzima busanzwe abisabye akabyemererwa cyangwa bikoze n'ubuyobozi bufite ububasha bwo gutanga ipeti ryisumbuye.

his/her request accepted or on decision of the authority competent to promote to the higher rank.

sur demande acceptée ou sur décision de l'autorité nantie du pouvoir de promouvoir au grade supérieur.

Umucungagereza wese usubijwe mu buzima busanzwe ahabwa amafaranga y'imperekeza angana n'amezi atandatu (6) y'umushahara we mbumbe wa nyuma.

Any prison guard laid off is entitled to a termination package equivalent to six (6) months of his/her last gross salary.

Tout surveillant de prison ayant fait l'objet de désengagement bénéficie d'une indemnité de départ équivalant à six (6) mois de son dernier salaire brut.

**Ingingo ya 81: Umucungagereza upfuye**

**Article 81: Death of a prison guard**

**Article 81: Décès d'un surveillant de prison**

Iyo umucungagereza apfuye, Komiseri Mukuru wa RCS, amaze kubona icyemezo cya muganga wemewe kibihamya, amuvana ku rutonde rw'abacungagereza.

In case of death of a prison guard, the Commissioner General of RCS, upon receipt of the death certificate from a certified doctor, strikes the deceased person off the list of prison guards.

En cas de décès d'un surveillant de prison, le Commissaire Général de RCS, après réception de l'attestation de décès émise par un médecin agréé, le radie de la liste des surveillants de prisons.

Abazungura b'umucungagereza upfuye bemewe n'amategeko bahabwa amafaranga y'impozamarira ahwanye n'inshuro esheshatu (6) z'umushahara w'ukwezi aheruka kubona.

The legal beneficiaries of a deceased prison guard are entitled to death allowances equivalent to six (6) times his/her last monthly salary.

Les ayants droits d'un surveillant de prison décédé reçoivent une indemnité de décès équivalant à six (6) fois son dernier salaire mensuel.

RCS itanga amafaranga y'ishyingura n'ibindi abazungura ba nyakwigendera bateganyirizwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

RCS pays funeral expenses and other arrangements as entitled to the beneficiaries of the deceased provided for by the general statutes for public service.

RCS paie les frais funéraires et autres avantages que le statut général de la fonction publique réserve aux ayants droits du défunt.

**Ingingo ya 82: Ingaruka z'irangira ry'umurimo**

Iyo umurimo w'umucungagereza urangiye ku mpamvu iyo ari yo yose, aba aretse kuba umucungagereza kandi agomba gusubiza ibikoresho n'umutungo yahawe na RCS.

**UMUTWE WA X: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 83: Ibiateganyijwe n'iri teka**

Ibiateganyijwe muri iri teka bigengwa na sitati rusange igenga abakozi ba leta, amategeko ngenyamikorere ya RCS n'andi mabwiriza y'ubuyobozi bubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 84: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka**

Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.

**Article 82: Effect of termination of service**

When there is a termination of service of a prison guard, he/she ceases to be a prison guard, he/she must return prison equipment and property put at his/her disposal by RCS.

**CHAPTER X: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**

**Article 83: Matters not provided for under this Order**

Matters not provided for by this Order are governed by the general statute for public service, internal rules and regulations of RCS and other regulations of competent authorities.

**Article 84: Authorities responsible for the implementation of this Order**

The Prime Minister, the Minister of Justice/Attorney General, the Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

**Article 82: Effets de la cessation de fonctions**

En cas de cessation de service d'un gardien de prison, il perd la qualité de surveillant de prison, et l'équipement pénitentiaire et le matériel mis à sa disposition sont remis à RCS.

**CHAPITRE X: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**

**Article 83: Matières non prévues par le présent arrêté**

Les matières non prévues par le présent arrêté sont régies par le statut général de la fonction publique, le règlement d'ordre intérieur et d'autres règlements des autorités compétentes.

**Article 84: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

Le Premier Ministre, le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

**Ingingo ya 85: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Iteka rya Perezida n° 04/01 ryo ku wa 03/05/2012 rishyiraho sitati yihariye igenga abacungagereza n'ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

**Ingingo ya 86: Igihe iri teka ritangira gukurizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **24/1/2018**

(Sé)  
**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika

(Sé)  
**Dr. NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(Sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 85: Repealing provision**

Presidential Order n° 04/01 of 03/05/2012 establishing the special statute governing Prison Guards and all provisions contrary to this Order are repealed.

**Article 86: Commencement**

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **24/1/2018**

(Sé)  
**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(Sé)  
**Dr. NGIRENTE Edouard**  
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(Sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

**Article 85: Disposition abrogatoire**

L'Arrêté Présidentiel n° 04/01 du 03/05/2012 portant statut particulier régissant les surveillants de prisons ainsi que toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés.

**Article 86: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **24/1/2018**

(Sé)  
**KAGAME Paul**  
Président de la République

(Sé)  
**Dr. NGIRENTE Edouard**  
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(Sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux



*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

<b>UMUGEREKA W'ITEKA RYA PEREZIDA N°31/01 RYO KU WA 24/1/2018 RISHYIRAHO SITATI YIHARIYE IGENGA ABACUNGAGEREZA</b>		<b>ANNEX TO PRESIDENTIAL ORDER N° 31/01 OF 24/1/2018 ESTABLISHING THE SPECIAL STATUTES GOVERNING PRISON GUARDS</b>		<b>ANNEXE A L'ARRETE PRESIDENTIEL N°31/01 DU 24/1/2018 PORTANT STATUT PARTICULIER REGISSANT LES SURVEILLANTS DE PRISONS</b>	
<b>Umwanya w'umurimo muri RCS</b>	<b>Ipeti rito ry'umucungagereza</b>	<b>Job position in RCS</b>	<b>Minimum level of relevant rank</b>	<b>Poste de travail</b>	<b>Grade minimum correspondant</b>
Umuhuzabikorwa wa RCS mu Ntara	Assistant Commissioner of Prison	RCS Regional Coordinator	Assistant Commissioner of Prison	Coordinateur Régional de RCS	Assistant Commissioner of Prison
Umuyobozi wa Diviziyo	Chief Superintendent of Prison	Division Manager	Chief Superintendent of Prison	Chef de Division	Chief Superintendent of Prison
Umuyobozi w'Ishuri rya RCS	Chief Superintendent of Prison	Commander of RCS school	Chief Superintendent of Prison	Commandant de l'école de RCS	Chief Superintendent of Prison
Umujyanama wa CG	Superintendent	Advisor to the CG	Superintendent of Prison	Conseiller de CG	Superintendent
Umuyobozi wa "Band"	Superintendent of Prison	RCS Band Commander	Superintendent of Prison	Commandant de "RCS Band"	Superintendent of Prison
Umuyobozi w'Ishami	Superintendent of Prison	Director of Unit	Superintendent of Prison	Directeur d'Unité	Superintendent of Prison
Umuyobozi wa gereza	Superintendent of Prison	Director of prison	Superintendent of Prison	Directeur de prison	Superintendent of Prison
Umuyobozi wa gereza wungirije	Inspector of Prison	Deputy Director of prison	Inspector of Prison	Directeur Adjoint de prison	Inspector of Prison

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

“Administrative Assistant”	Assistant Inspector of Prison	Administrative Assistant	Inspector of Prison	Assistant Administratif	Assistant Inspector of Prison
Umuyobozi w’ingando ya TIG	Chief Inspector of Prison	TIG camps supervisor	Chief Inspector of Prison	Superviseur des camps de TIG	Chief Inspector of Prison
Umunyamabanga	Assistant Inspector of Prison	Secretary	Assistant Inspector of Prison	Secrétaire	Assistant Inspector of Prison
Umuyobozi wa kompanyi	Chief Inspector of Prison	Company commander	Chief Inspector of Prison	Commandant de compagnie	Chief Inspector of Prison
Umuyobozi Wungirije wa kompanyi	Inspector of Prison	Deputy company commander	Inspector of Prison	Commandant Adjoint de compagnie	Inspector of Prison
Komanda wa peloto	Assistant Inspector of Prison	Platoon commander	Assistant Inspector of Prison	Commandant de peloton	Assistant Inspector of Prison
Komanda wa segisiyo	Sergeant	Section commander	Sergeant	Commandant de section	Sergeant

*Official Gazette n° Special of 25/01/2018*

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Perezida n° 231/01 ryo ku wa 24/1/2018 rishyiraho sitati yihariye igenga abacungagereza**

Kigali, ku wa 24/1/2018

(Sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika

(Sé)

**Dr. NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(Sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Seen to be annexed to Presidential Order n°31/01 of 24/1/2018 establishing the special statutes governing prison guards**

Kigali, on 24/1/2018

(Sé)

**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(Sé)

**Dr. NGIRENTE Edouard**  
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(Sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice /Attorney General

**Vu pour être annexé à l'Arrêté Présidentiel n° 31/01 du 24/1/2018 portant statut particulier régissant les surveillants de prisons**

Kigali, le 24/1/2018

(Sé)

**KAGAME Paul**  
Président de la République

(Sé)

**Dr. NGIRENTE Edouard**  
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(Sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice /Garde des Sceaux